REB
Rwanda Education Board

# Umusambi n'inuma



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2019**

Inkuru yo mu kiciro 4 cya kane cyo gusoma

# MUMPE URUBUGA NSOME!



## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

# IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.

- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

# Umusambi n'inuma



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2019**

MAPENDO NISHIMWE Vanessa Patience, yanditse iyi nkuru afite imyaka 14, yiga mu mwaka wa 3 w'amashuri yisumbuye, mu Rwunge rw'Amashuri rwa Kanyanza A, Akarere ka Muhanga, Intara y'Amajyepfo. Iyi nkuru ye, UMUSAMBI N'INUMA ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.



Hariho umusambi wabaga mu gishanga cya Ndiza. Wakundaga gutembera, ukishimira kugenda witegereza ibibera hirya no hino.




Umunsi umwe, umusambi ujya ku isoko.
Ugezeyo, ubona inyamaswa nyinshi
zicuruza ibyo zitunganyirije.
Umusambi ubibonye uratangara cyane.
Maze uti: «Mbega ibintu byiza!»




Umusambi utangira kugenda witegereza uko izindi nyamaswa zibigenza. Urangije uribwira uti: “Ngiye kureba icyo nakora nange nziteze imbere.”




Umusambi utashye uhura n'uruyongoyongo, maze urubwira aho uvuye n'ibyo ubonye. Uruyongoyongo ruti: «Ndumva ari byiza pe! None se uragira ngo tubigenze dute?»




Umusambi uti: “Nagiraga ngo dukore umushinga wo guhinga ingano. Tuzage dukora imigati, tuyicuruze maze twiteze imbere.” Uruyongoyongo ruricecekera, ntirwagira icyo rusubiza rurigendera.




Umusambi wigiye imbere, uhura n'inuma uyibwira nk'ibyo wabwiye uruyongoyongo. Inuma yumva umusambi ufite igitekerezo kiza, yiyemeza gufatanya na wo.



Inuma ibwira umusambi iti: “Kugira ngo umushinga wacu wihute, reka dushake izindi nyamaswa dufatanye. Ndumva twabwira ihene, ingurube n'inka.” Umusambi urimyoza uti: “Sinzi ko bizemera kuko mbona nta cyo byitaho.”




Umusambi n'inuma  biragenda bijya kubaza ihene. Ihene irabisubiza iti: "Nta mwanya wo guhinga nabona."
Inuma iyibajije impamvu, ihene iti: «Mwimbaza ibibazo byinshi». Umusambi n'inuma bikomeza urugendo.



Bigeze mu rugo rw'ingurube, irabihakanira iti: "Keretse mumpaye amafaranga."

Umusambi n'inuma biti: "Nyamara twari kuzabona amafaranga n'imigati yo kurya." Ingurube ntiyagira icyo isubiza. Umusambi n'inuma birigendera.



Bigeze aho inka ituye bisanga irimo gushaka ubwatsi bwo kurya. Umusambi n'inuma bibwira inka ikibigenza. Inka irabihakanira. Irabisubiza iti: "Mu buzima bwange sinigeze mpinga na rimwe."



Umusambi n'inuma ntibyacika intege. Nuko biragenda byiga umushinga wabyo neza. Inuma ifata ikaramu, yandika ibizakenerwa byose, ndetse yandika n'amafaranga bizatwara.



Umushinga biwushyira ingagi yari imenyereye ubucuruzi. Ingagi ibibwira ko bifite umushinga mwiza cyane. Ibisaba isoko ryo kuzajya isya ingano igihe zeze. Inuma n'umusambi birabyemera.



Umusambi n'inuma bitaha binezerewe. Biragenda bikora umushinga wabyo. Bihinga ingano zirera cyane. Nyuma y'igihe gito bitangira kuzisarura.




Bitangira kujya bishesha ingano ku ngagi. Nuko bihunika ifu nyinshi. Inuma ijya gushaka ibikoresho byo kubaka ifuru y'imigati. Umusambi usigara utunganya aho bizubaka iyo furu.




Umusambi n'inuma bitangira gukora imigati. Bikagemura ku isoko, zimwe mu nyamaswa zikaza no kugurira mu rugo.




Umunsi umwe, umusambi n'inuma biteka imigati, impumuro yayo ikwira hose. Ihene ibyumvise iti: "Meee! Ni hehe bahumuje di?" Ingurube irayisubiza iti: "Ubwo ni inuma n'umusambi bitetse imigati".




Ingurube n'ihene bigira ipfa. Byibaza ukuntu bijya gusaba imigati ku musambi n'inuma kandi byaranze gufatanya na byo. Nuko ingurube ibwira ihene iti: "Yewe, dushatse twasubiza amerwe mu isaho."




Ikivuga ityo, bibona inka ije yiruka amasigamana. Biyibaza ikiyirukansa. Imaze gushira impumu ibitekerereza uko yagize isoni zo kujya gusaba inuma n'umusambi umugati.



Ihene, ingurube n'inka byigira inama yo kwisungana, bikajya gusaba imigati. Bigezeyo, inuma n'umusambi birabyakira. Bibigira inama yo kwirinda ubunebwe ahubwo na byo bikiga uko byakwiteza imbere.



Inuma n'umusambi bizimanira ihene, inka n'ingurube imigati, bisangira byishimye. Mu nzira bitashye, ihene, inka n'ingurube byiyemeza gutekereza umushinga byakora.



Ubucuruzi bw'inuma n'umusambi butera imbere. Birunguka, birakira, binubaka amazu hirya no hino yo gucururizamo imigati.




Inuma n'umusambi biha akazi izindi nyamaswa. Biba intangarugero mu gushyira hamwe no kwihangira umurimo.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA